Ibiro by'irangamimerere muri za Ambasade z'u Rwanda bigezwaho ibitabo by'irangamimerere na Minisiteri ifite irangamimere mu nshingano zayo nyuma yo gushyirwaho inomeru n'umukono.	Civil status offices within Embassies of Rwanda are provided with civil status registers by the Ministry in charge of civil status after numbering and initialling them.	Les bureaux de l'état civil dans les ambassades du Rwanda sont approvisionnés en registres par le Ministère ayant l'état civil dans ses attributions après avoir été côtés et paraphés.
<b><u>Ingingo ya 77: Igihe ibitabo by'irangamimerere bifungurirwa n'igihe bisorezwa</u></b>	<b><u>Article 77: Opening and closure of civil status registers</u></b>	<b><u>Article 77: Ouverture et clôture des registres de l'état civil</u></b>
Ibitabo by'irangamimerere byandikwamo buri mwaka kuva ku itariki ya mbere Mutarama bigasozwa ku itariki ya 31 Ukuboza. Byerekwa buri wese ubifitemo inyungu.	The civil status registers are opened from the first January and closed on the 31 <sup>st</sup> December of each year. They are open for consultation to any interested person.	Les registres de l'état civil sont ouverts au premier janvier et clos au 31 décembre de chaque année. Ils sont consultés par toute personne intéressée.
Nyuma y'inyandiko igaragaza ko ibitabo by'irangamimerere bishojwe kandi mu kwezi gukurikira iryo sozwa, umwanditsi	After closure statement and in the course of the month following the closure of register, the civil registrar inserts in each register a table of contents	Après la note de clôture et dans le mois qui suit la clôture du registre, l'officier de l'état civil dresse sur chaque registre, une table alphabétique des actes

w'irangamimerere ashyira muri buri gitabo ishakiro ry'inyandiko zirimo, hakurikijwe uko inyuguti zikurikirana.

**Ingingo ya 78: Uko inyandiko z'irangamimerere zandikwa mu bitabo byazo**

Inyandiko z'irangamimerere zihabwa inomeru mu bitabo byazo kandi zandikwa zikurikiranyijwe nta mwanya usigaye utanditswemo, nta gusiba cyangwa kugerekeranya inyandiko.

Iyo habayeho isiba cyangwa igerekeranywa ry'inyandiko bigomba kwemerwa n'abashyize umukono kuri iyo nyandiko mu mpera zayo.

Nta cyandikwa mu magambo ahinnye, kandi nta n'itariki n'imwe yandikwa mu mibare.

**Ingingo ya 79: Aho ibitabo by'irangamimerere bibikwa.**

Ibitabo by'irangamimerere bigomba kubikwa igihe cyose mu biro by'irangamimerere mu buryo bw'inyandiko cyangwa bw'ikoranabuhanga.

Icyakora bitewe n'inyungu z'akazi, ibyo bitabo by'irangamimerere bishobora kujya gukoreshwa ahandi mu ifasi y'ibiro by'irangamimerere.

Iyo ibiro by'irangamimerere bivuyeho ibitabo byimurirwa mu ifasi nshya y'irangamimerere.

of embodied records in an alphabetical order.

**Article 78: Mode of entering records in civil status registers**

Civil status records are numbered in their registers and registered in the numerical ascending order, without blank spaces, erasures or alterations.

In case of erasures or alterations, these are approved by all signatories in the margin of the record.

Nothing is written in abbreviated form, and no date is written in figures.

**Article 79: Location for archiving civil status registers**

Civil status registers must always be kept in civil registrar's office in paper or in electronic form.

However, when the interest of work so requires, civil status registers may be moved to another location within the territorial jurisdiction of the civil registrar's office.

In case of removal of the civil registrar's office, registers are transferred to the new civil status territorial jurisdiction.

qui y sont contenus.

**Article 78: Mode d'enregistrement des actes aux registres de l'état civil**

Les actes de l'état civil sont côtés dans leurs registres et enregistrés dans l'ordre numérique croissant, sans aucun blanc ni rature ou surcharge.

En cas de ratures ou surcharges, celles-ci sont approuvées par tous les signataires en marge de l'acte.

Rien n'est écrit par abréviation sur les actes de l'état civil et aucune date n'y est écrite en chiffres.

**Article 79: Lieu d'archivage des registres de l'état civil**

Les registres de l'état civil doivent être conservés en permanence au bureau de l'état civil sur support papier ou électronique.

Toutefois, si l'intérêt du travail l'exige, les registres de l'état civil peuvent être utilisés dans d'autres lieux à l'intérieur du ressort du bureau de l'état civil.

En cas de suppression d'un bureau de l'état civil, les registres sont transférés au nouveau ressort de l'état civil.

**Icyiciro cya 2: Inyandiko y'irangamimerere**

**Akiciro ka mbere: Inyandiko y'irangamimerere n'uko ikorwa**

**Ingingo ya 80: Igisobanuro cy'inyandiko y'irangamimerere**

Inyandiko y'irangamimerere ni inyandikomvaho igamije guhamya ibintu bimwe by'ingenzi mu biranga umuntu mu muryango no mu Gihugu mu byerekeranye cyane cyane no kugira uburenganzira mbonezamubano no kubukoresha.

**Ingingo ya 81: Ururimi rukoreshwa mu kwandika inyandiko y'irangamimerere**

Inyandiko z'irangamimerere zandikwa n'umwanditsi w'irangamimerere muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi uwandikisha yihitiyemo.

Inyandiko z'irangamimerere ziba zirimo amagambo yihariwe na buri muhango.

**Ingingo ya 82: Gusemurira utazi ururimi na rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi**

Iyo nyir'ubwite, uwo yatumye kumuhagararira cyangwa uwaje kumubera umutangabuhamya nta na rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi azi kandi umwanditsi w'irangamimerere atumva ururimi avugamo, ibyo atangaza bihindurwa n'umusemuzi wabanje kubahirira. Muri icyo gihe, ni we wishingira ikiguzi cy'umusemuzi.

**Section 2: Civil status record**

**Subsection One: Civil status record and its drawing up**

**Article 80: Definition of the civil status record**

The civil status record is an authentic document intended to serve as proof of certain main identifying particulars of a person within the family and country, especially with regard to the enjoyment and exercise of civil rights.

**Article 81: Language used in drawing up a civil status record**

The civil status records are made by the civil registrar in one of the official languages chosen by the registrant.

Civil status records contain information that is specific to the procedure for the drawing thereof.

**Article 82: Translation for a person who does not understand any official language**

If the concerned party, his/her representative or witness do not understand any official language, and if the civil registrar does not understand the language in which they give their statements, these statements are translated by an interpreter after taking an oath. In this case, the concerned party bears the cost of the interpreter.

**Section 2: Acte de l'état civil**

**Sous-section première : Acte de l'état civil et son établissement**

**Article 80 : Définition de l'acte de l'état civil**

L'acte de l'état civil est un document à caractère authentique destiné à servir de preuve de certains éléments principaux d'identité d'une personne dans la famille et dans le pays, notamment en ce qui concerne la jouissance et l'exercice des droits civils.

**Article 81: Langue de rédaction d'un acte de l'état civil**

Les actes de l'état civil sont rédigés par l'officier de l'état civil dans l'une des langues officielles choisie par le déclarant.

Les actes de l'état civil contiennent les mentions propres à leur procédure d'établissement.

**Article 82: Traduction pour une personne qui ne comprend aucune langue officielle**

Si la personne concernée, son représentant ou son témoin ne parlent aucune langue officielle et que l'officier de l'état civil ne connaisse pas la langue dans laquelle ils expriment leurs déclarations, celles-ci sont traduites par un interprète après avoir prêté serment. Dans ce cas, le comparant supporte le coût de l'interprète.

Icyakora, iyo akoresha rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi ariko umwanditsi w'irangamimerere akaba atarwumva, ikiguzi cy'umusemuze cyishingirwa na Leta.

Umusemuze arahirira imbere y'umwanditsi w'irangamimerere muri aya magambo:

“Jyewe .....  
ndahiriye kuvugisha ukuri.  
Nindamuka mbeshye nzabihanirwe n'amategeko”.

Uko byakozwe bigaragazwa mu nyandiko y'irangamimerere, herekanwa ururimi byavuzwemo, umwirondoro w'umusemuze kimwe n'irahira rye.

Inyandiko yose yahinduwe mu rundi rurimi kugira ngo hakorwe inyandiko y'irangamimerere igomba kuba yemejwe ko ihuye n'inyandiko y'umwimerere bikozwe n'ubuyobozi buhagarariye Igihugu iyo nyandiko yaturutsemo.

**Ingingo ya 83: Gushyira umukono ku nyandiko y'irangamimerere n'umusimbura w'uwayikoze**

Iyo umwanditsi w'irangamimerere apfuye cyangwa agize indi mpamvu ituma adashyira umukono ku nyandiko zimwe cyangwa ku mvugo ziri mu mpande, inyandiko zishyirwaho umukono n'undi mwanditsi w'irangamimerere washyizweho ku bw'iyi mpamvu n'ushinzwe igenzura ry'irangamimerere muri icyo cyemezo cyafashwe muri ubwo buryo zandikwa mu mpande z'izo nyandiko.

However, when the concerned party uses one of the official languages and if the registrar does not understand it, the State bears the cost of the interpreter.

The interpreter takes an oath before the civil registrar in the following words:

“I ..... swear that I shall tell the truth. Should I lie, may I face the rigours of the law.”

This process is mentioned in the record by indicating the language of statement, the complete identity of the interpreter and his/her oath-taking.

Any statement translated in view of issuing a civil status record must necessarily be certified to be in conformity with the original by the diplomatic or consular representation where the statement came from.

**Article 83: Signing of a civil status record by a replacement of a person having drawn it up**

If the civil registrar dies or has other grounds preventing him/her from signing some records or marginal annotations, the records are signed by another civil registrar designated for that purpose by the authority in charge of the civil status supervision in that jurisdiction. The reasons for taking that decision in such conditions are inserted in the margin of the concerned records.

Toutefois, lorsque le comparant utilise l'une des langues officielles et que l'officier de l'état civil ne la connaît pas, l'Etat supporte le coût de l'interprète.

L'interprète prête serment devant l'officier de l'état civil en ces termes :

« Moi ..... je jure de dire la vérité. En cas de mensonge, que je subisse les rigueurs de la loi. »

Mention en est faite dans l'acte. Cette mention comporte l'indication de la langue dans laquelle la déclaration a été faite, l'identité complète de l'interprète et sa prestation de serment.

Toute déclaration traduite en vue de l'établissement d'un acte de l'état civil, doit obligatoirement être certifiée conforme à l'original par la représentation diplomatique ou consulaire en provenance de laquelle la déclaration est venue.

**Article 83: Signature d'un acte de l'état civil par un remplaçant de la personne qui l'a dressé**

Si, suite à la mort ou pour d'autres motifs, l'officier de l'état civil ne signe pas certains actes ou certaines mentions marginales, les actes sont signés par un autre officier de l'état civil désigné à cet effet par l'autorité chargée de la supervision de l'état civil de ce ressort. Mention des raisons de la décision ainsi prise sont portées en marge des actes concernés.

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere ashobora gutegeka iperereza rihamya ukuri kw'inyandiko z'abo bireba cyangwa rimenyesha ko hari ibirimo bigomba gukosorwa.

The immediate supervisor of the civil registrar can order an inquiry to verify the accuracy of records of interested parties or make known the corrections that need to be made thereto.

L'autorité hiérarchiquement supérieure de l'officier de l'état civil peut ordonner une enquête en vue de faire constater l'exactitude des actes des intéressés ou de faire connaître les rectifications qui doivent y être portées.

Iyo umwe mu bakorewe inyandiko yibagiwe gushyira umukono cyangwa igikumwe ku nyandiko kandi kuwushyiraho bikaba bidashoboka kubera ko nyir'ubwite yapfuye, yabuze cyangwa yazimiye, buri muntu wese bireba ashyikiriza urukiko rubifitiye ububasha urwandiko rusaba kwemeza ko inyandiko yemerwa n'ubwo habuzeho uwo mukono.

When one of the parties to the record has failed to sign or fingerprint and may not do so due to death, disappearance or absence, any interested person requests the competent court to order the validation of the record despite the lack of signature.

Lorsque l'une des parties à l'acte a omis d'apposer sa signature ou son empreinte digitale et que l'omission ne peut être réparée en raison du décès, de la disparition ou de l'absence de l'intéressé, toute personne intéressée présente une requête à la juridiction compétente afin de faire ordonner que cet acte fasse foi malgré l'absence de cette signature.

**Ingingo ya 84: Ikiguzi cy'inyandiko z'irangamimerere**

**Article 84: Fee for civil status records**

**Article 84: Frais afférents aux actes de l'état civil**

Kwandika mu gitabo cy'irangamimerere byishingirwa na Leta.

Registration in civil status register is made at the expense of the Government.

L'enregistrement au registre de l'état civil est à la charge de l'Etat.

Icyakora, gutanga kopi y'inyandiko yose cyangwa inyandiko ihinnye bitangirwa ikiguzi kigenwa n'Iteka rya Perezida.

However, the issuance of any copy or extract is done upon payment of a fee determined by a presidential order.

Toutefois, la délivrance de toute copie ou extrait donne lieu à la perception d'un droit fixé par un arrêté présidentiel.

**Akiciro ka 2: Itangwa ry'inyandiko y'irangamimerere**

**Subsection 2: Issuance of civil status record**

**Sous-section 2: Délivrance d'un acte de l'état civil**

**Ingingo ya 85: Itangwa rya kopi cyangwa inyandiko igaragaza ingingo z'ingenzi z'inyandiko y'irangamimerere**

**Article 85: Issuance of a copy or extract of a civil status record**

**Article 85: Délivrance d'une copie ou de l'extrait d'un acte de l'état civil**

Umwanditsi w'irangamimerere agomba guha nyir'ubwite cyangwa uwo yabihereye uburenganzira bwanditse bwemejwe n'umuyobozi

The civil registrar is bound to issue copies or extract of civil status records to the concerned person or his/her representative upon presentation

L'officier de l'état civil est tenu de délivrer une copie ou un extrait de l'acte de l'état civil au concerné ou à son représentant sur présentation



*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

ubifitiye ububasha cyangwa noteri, kopi cyangwa inyandiko igaragaza ingingo z'ingenzi z'inyandiko y'irangamimerere.

Kopi y'inyandiko y'umwimerere ni inyandukuro yayo yuzuye. Inyandiko igaragaza ingingo z'ingenzi ni incamake y'inyandiko y'umwimerere.

Inyandiko zigaragaza ingingo z'ingenzi zigomba gushyirwaho umukono n'umwanditsi w'irangamimerere kandi zigashyirwaho na kashe yo mu biro bye.

**Ingingo ya 86: Urubanza rusimbura inyandiko y'irangamimerere**

Uretse inyandiko y'ivuka yakorewe mu Rwanda, inyandiko y'irangamimerere yose yaba yarakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga itabonetse ku mpamvu iyo ariyo yose, isimburwa n'urubanza ruciwe, bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, mu rukiko rubifitiye ububasha rw'aho uyisaba atuye cyangwa aba. Umuburanyi muri uru rubanza agomba gushyikiriza urukiko ibimenyetso byose bishoboka byemeza ko iyo nyandiko yabayeho koko.

Urukiko rushobora gutegeka ko habaho iperereza igihe rubona ko ari ngombwa.

**Ingingo ya 87: Iyandukurwa ry'urubanza rusimbura inyandiko y'irangamimerere**

Icyemezo cy'urukiko ku rubanza rusimbura inyandiko y'irangamimerere rwaciwe burundu

of written authorization certified by the competent authority or Notary.

A copy of an original record is a reproduction in whole of the record. An extract is a summary of essential elements of an original record.

Extracts must be signed by the civil registrar and bear the seal of the civil registrar's office.

**Article 86: Judgment substituting a civil status record**

Except for the birth record drawn up in Rwanda, any civil status record drawn up in Rwanda or in a foreign country that may not be found for any reason is substituted with a judgment rendered, upon application by any interested person, by the court of the place where the requesting person resides or is domiciled. The applicant must submit to the court all possible evidence proving the existence of that record.

The court may order investigations if considered necessary.

**Article 87: Registration of a judgment substituting a civil status record**

The operative part of the final judgment substituting a civil status record is submitted to the

d'une procuration écrite validée par l'autorité compétente ou par le Notaire.

La copie d'un acte original est la reproduction intégrale de l'acte. L'extrait est le résumé des éléments essentiels de l'acte original.

Les extraits doivent être signés par l'officier de l'état civil et revêtus du sceau de son bureau.

**Article 86: Jugement supplétif d'acte de l'état civil**

A l'exception de l'acte de naissance établi au Rwanda, tout acte de l'état civil établi au Rwanda ou à l'étranger qui ne peut pas être trouvé pour une raison quelconque est suppléé par un jugement rendu sur requête présentée, par toute personne intéressée, à la juridiction compétente du lieu de domicile ou de résidence du requérant. Le demandeur doit soumettre à la cour toutes les preuves possibles qui prouvent l'existence de cet acte.

La juridiction peut ordonner les mesures d'instruction, en cas de besoin.

**Article 87: Transcription du jugement supplétif d'actes de l'état civil**

Le dispositif du jugement supplétif d'actes de l'état civil définitif est transmis à l'officier de l'état civil

cyohererezwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho urebwa n'ikibazo atuye. Icyo cyemezo cyandukurwa mu bitabo by'uwo mwaka, kandi bigashyirwa mu mpande y'igitabo cy'irangamimerere.

**Akicro ka 3: Ikosorwa ry'inyandiko z'irangamimerere**

**Ingingo ya 88: Ufite ububasha bwo gukosora ikosa ryagaragaye mu nyandiko y'irangamimerere**

Ikosora ry'inyandiko y'irangamimerere irimo ikosa ry'imyandikire cyangwa ry'ireme kimwe no kwibagirwa ikintu cya ngombwa rikorwa n'umwanditsi w'irangamimerere abisabwe mu nyandiko n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

Kwanga gukosora inyandiko y'irangamimerere no kutanyurwa n'ikosora ryakozwe bishobora gutakambirwa imbere y'ukuriye umwanditsi w'irangamimerere mu kazi.

Iyo ukuriye umwanditsi w'irangamimerere ntacyo akoze cyangwa habayeho kutanyurwa n'icyemezo cyafashwe, uwasabye ko inyandiko y'irangamimerere ikosorwa ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha mu gihe no mu buryo biteganywa n'amategeko.

civil registrar of the domicile of the interested person. Such an operative part is recorded in the current year's registers and an indication thereof is entered in the margin of the civil status register.

**Subsection 3: Rectification of civil status records**

**Article 88: Authority competent to rectify an error in a civil status record**

The rectification of a clerical or material error as well as that of material omission is made by the civil registrar upon written request by any interested person.

Refusal to rectify a civil status record and unsatisfactory rectification may be subject to appeal before the immediate superior of the civil registrar.

If the immediate superior of the civil registrar fails to act or if the response is unsatisfactory, the person who requested for rectification has the right to refer the matter to the competent court within the period and in the manner provided for by the law.

du lieu de domicile de l'intéressé. L'enregistrement en est effectuée dans les registres de l'année en cours et mention en est faite en marge du registre de l'état civil.

**Sous-section 3: Rectification des actes de l'état civil**

**Article 88: Autorité compétente pour rectifier une erreur dans un acte de l'état civil**

La rectification d'une erreur d'écriture ou matérielle ainsi que d'une omission matérielle est effectuée par l'officier de l'état civil à la demande écrite de toute personne intéressée.

Le refus de rectification d'un acte de l'état civil et la rectification non satisfaisante sont susceptibles de recours devant le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil.

En cas d'inaction de la part du supérieur hiérarchique ou de réponse non satisfaisante, l'intéressé peut saisir la juridiction compétente dans les délais et selon les modalités prévues par la loi.

**Ingingo ya 89: Kohereza no kwandika icyemezo cy'urukiko gikosora inyandiko y'irangamimerere**

Urubanza rukosora inyandiko y'irangamimerere rwohererezwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho inyandiko yakosowe yandikiwe. Icyemezo cy'urukiko cyerekeye icyo miterere cyandikwa ku ruhande rw'icyo nyandiko. Kopi y'icyo nyandiko ntishobora gutangwa itari kumwe n'ibyategetswe gukosorwa.

**Akiciro ka 4: Isubizwaho ry'inyandiko z'irangamimerere**

**Ingingo ya 90: Imenyakanisha ry'izimira ry'inyandiko z'irangamimerere n'uburyo zisubizwaho**

Mu gihe igitabo cy'irangamimerere cyazimiye, cyaba uko cyakabaye cyangwa haburaho igice, umwanditsi w'irangamimerere akora inyandikomvugo y'iryo zimira akayishyikiriza umuyobozi umukuriye mu kazi asobanura uburyo icyo gitabo cyabuze, akagera kopi Urwego rw'ubugenzacyaha rwo mu ifasi akoreramo.

Umuyobozi umukuriye mu kazi asaba mu nyandiko umwanditsi w'irangamimerere bireba kwandika ibyazimiye bikubiye mu bitabo by'irangamimerere byabuze uko imyaka yakurikiranye.

Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere mu kazi asaba inzego zibishinzwe gukora iperereza

**Article 89: Transmission and registration of judgment ordering rectification of a civil status record**

A judgment ordering rectification of a civil status record is transmitted to the civil registrar of the place where the rectified record was drawn up. The related court order is entered in the margin of the record. A copy of that record cannot be issued unless it is with the rectifications as ordered.

**Subsection 4: Restoration of civil status records**

**Article 90: Procedure for declaration and restoration of disappeared civil status records**

In case where a register has disappeared either as a whole or partially, the civil registrar makes a report on the disappearance and submit it to the immediate supervisor by explaining the circumstances of the disappearance of the register with a copy to the judicial police organ in his/her jurisdiction.

The immediate supervisor instructs the concerned civil registrar to record on a year-by-year basis disappeared data contained in civil status registers.

The immediate supervisor of the civil registrar asks the competent organs to conduct an inquiry and

**Article 89: Transmission et enregistrement du jugement rectificatif d'un acte de l'état civil**

Le jugement rectificatif d'un acte de l'état civil est transmis à l'officier de l'état civil du lieu où se trouve inscrit l'acte rectifié. La décision de la juridiction y relative est reproduite en marge dudit acte. Une copie de cet acte ne peut pas être délivrée qu'avec les rectifications ordonnées.

**Sous-section 4: Rétablissement des actes d'état civil**

**Article 90: Procédure de déclaration et de rétablissement des actes d'état civil disparus**

Dans le cas où un registre a disparu, soit entièrement ou partiellement, l'officier de l'état civil dresse un procès-verbal de constat de disparition et le transmet à son autorité hiérarchiquement supérieure en expliquant les circonstances de disparition du registre et réserve une copie à l'organe de la police judiciaire de son ressort.

L'autorité hiérarchiquement supérieure invite l'officier de l'état civil concerné à dresser, année par année, les données disparues contenues dans les registres de l'état civil.

L'autorité hiérarchiquement supérieure de l'officier de l'état civil demande aux organes compétents de

no gushyiraho uburyo bwose bukwiye bwo kubimenyesha bose.

Ibivuye mu iperereza bishyirwa, mu gihe cy'amezi atatu (3), ku biro by'umwanditsi w'irangamimerere aho umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora kubimenyera.

**Ingingo ya 91: Urubanza rusubizaho igitabo cy'irangamimerere**

Umuyobozi ukuriye mu kazi umwanditsi w'irangamimerere ashingiye ku byavuye mu iperereza aregera urukiko rubifitiye ububasha arusaba gusubizaho ibyakozwe bagaragaje ko byabayeho.

Urukiko, rushingiye ku byo rwashyikirijwe, n'ibindi rusanze ari ngombwa, rufata icyemezo gisubizaho ibyakozwe bagaragaje ko byabayeho.

Uko bishobotse kose, urubanza rumwe rwiharira inyandiko z'umwaka wose za buri biro by'irangamimerere.

Gusubizaho inyandiko z'irangamimerere zakozwe bishyirwa mu bitabo bibiri bifite ibimenyetso n'umukono uhinnye hakurikijwe iri tegeko, kimwe kigashyirwa mu biro by'irangamimerere ikindi mu biro by'ukuriye umwanditsi w'irangamimerere.

take any action considered appropriate to inform the public.

Inquiry results are posted up, during three (3) months, to the civil registrar's office where they may be accessed by any interested person.

**Article 91: Judgment ordering restoration of civil status register**

The immediate supervisor of the civil registrar, based on the results of the inquiry, petitions the competent court to restore data which were found to have existed.

The court, based on the results of the inquiry and other elements considered necessary, orders restoration of data which were found to have existed.

As far as possible, one judgment holds a decision ordering restoration of all records of the whole year for every civil registrar's office.

The restoration of civil status records already drawn up is done in two registers bearing numbers and initialled in accordance with this Law; one of which is deposited in the civil registrar's office and the other in the office of the immediate superior of the civil registrar.

mener une enquête et de prendre toutes mesures jugées opportunes pour informer le public.

Les résultats de l'enquête sont affichés pendant trois (3) mois au bureau de l'officier de l'état civil où toute personne intéressée peut en prendre connaissance.

**Article 91: Jugement de rétablissement d'un registre d'état civil**

L'autorité hiérarchiquement supérieure de l'officier de l'état civil, sur base des résultats de l'enquête, introduit une requête à la juridiction compétente pour demander le rétablissement des données dont l'existence a été constatée.

La juridiction, après examen des résultats de l'enquête et sur base d'autres éléments jugés nécessaires, ordonne le rétablissement des actes dont l'existence a été constatée.

Un seul jugement contient, autant que possible, la décision de rétablissement de tous les actes d'une année entière pour chaque bureau de l'état civil.

Le rétablissement des actes de l'état civil déjà dressés se fait sur deux registres cotés et paraphés conformément à la présente loi et sont déposés, l'un au bureau de l'état civil, l'autre au bureau du supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil.

**Ingingo ya 92: Gusaba ko hasubizwaho inyandiko y'irangamimerere bikozwe n'umuntu ubifitemo inyungu**

Ibivugwa mu ngingo ibanziriza iyi ntibikuraho uburenganzira bw'umuntu ubifitemo inyungu bwo gusaba urukiko gusubizaho inyandiko y'irangamimerere yari mu gitabo cyangiritse cyangwa cyazimiye.

**Akicro ka 5: Inyandiko zihamya zijya mu mwanya w'inyandiko z'irangamimerere**

**Ingingo ya 93: Gukora inyandiko ihamya**

Iyo umuntu adashoboye kubona inyandiko y'irangamimerere, ashobora kuyisimbuza ku buryo budasanzwe inyandiko ihamya itangwa n'umwanditsi w'irangamimerere w'aho yavukiye cyangwa abarurirwa.

**Ingingo ya 94: Agaciro k'inyandiko ihamya**

Inyandiko ihamya igira agaciro kangana n'ak'inyandiko y'irangamimerere ariko ntishobora gukoreshwa ikindi kitari icyo yatangiwe.

Inyandiko ihamya iba irimo impamvu zatumye atabona inyandiko y'irangamimerere n'ibyavuzwe n'abatangabuhamya nibura babiri (2) bagejeje ku myaka cumi n'umunani (18) ku byerekeye umwirondoro w'usaba.

**Article 92: Application for restoration of civil status record by any interested person**

Provisions of the preceding Article shall not cause any prejudice to the right of any interested person to apply to the court for restoration of any record which was part of the destroyed or disappeared register.

**Subsection 5 : Affidavits in lieu of civil status records**

**Article 93: Drawing up an affidavit**

In case a person fails to get a civil status record he/she may exceptionally replace it with an affidavit issued by the civil registrar of his/her place of birth or his/her domicile.

**Article 94: Probative force of an affidavit**

An affidavit has the same probative force as the civil status record but is used only for the purpose for which it is issued.

An affidavit contains the causes having prevented the obtaining of the required civil status record and the declarations of at least two (2) witnesses who are at least eighteen (18) years old concerning the identity of the applicant.

**Article 92: Demande de rétablissement d'un acte de l'état civil par toute personne intéressée**

Les dispositions de l'article précédent ne font pas obstacle au droit de toute personne intéressée de demander à la juridiction de rétablir tout acte qui figurait sur le registre détérioré ou disparu.

**Sous-section 5 : Actes de notoriété tenant lieu d'actes de l'état civil**

**Article 93: Etablissement d'un acte de notoriété**

Lorsqu'une personne est dans l'impossibilité de se procurer un acte de l'état civil, elle peut exceptionnellement le suppléer par un acte de notoriété établi par l'officier de l'état civil du lieu de sa naissance ou de son domicile.

**Article 94: Force probante de l'acte de notoriété**

L'acte de notoriété a la même force probante qu'un acte de l'état civil mais il ne peut servir qu'aux seules fins pour lesquelles il est délivré.

L'acte de notoriété contient les causes d'impossibilité d'octroi de l'acte de l'état civil en question et la déclaration d'au moins deux (2) témoins âgés d'au moins dix-huit (18) ans sur l'identification du requérant.

**Ingingo ya 95: Gutesha agaciro no gukosora inyandiko ihamya**

Umuntu wese ubifitemo inyungu cyangwa urwego rubifitiye ububasha ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha rw'aho inyandiko ihamya yakorewe, arusaba kuyitesha agaciro cyangwa gutegeka kuyikosora.

**Akiciro ka 6: Inyandiko z'irangamimerere z'abanyamahanga n'izakorewe mu mahanga**

**Ingingo ya 96: Ufite ububasha bwo gukorera umunyamahanga inyandiko y'irangamimerere**

Umunyamahanga wese utuye cyangwa uba mu Rwanda ashobora gukoresha inyandiko y'irangamimerere imwerekeye ku mwanditsi w'irangamimerere w'umunyarwanda ku buryo buteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 97: Itangwa rya kopi y'inyandiko y'ishyingirwa ry'abanyamahanga**

Mu gihe ishyingirwa ribereye mu Rwanda, umwe mu bashyingirwa cyangwa bombi ari abanyamahanga, umwanditsi w'irangamimerere agomba, mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira iryo shyingirwa, koherereza Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze kopi y'inyandiko y'ishyingirwa, na we akayohereza uhagarariye mu Rwanda igihugu cya buri wese mu bashyingirwe w'umunyamahanga.

**Article 95: Nullification and rectification of an affidavit**

Any interested person or competent organ may petition the competent court of the place where an affidavit was drawn up for the annulment or rectification of the affidavit.

**Subsection 6: Civil status records for foreigners and those drawn up abroad**

**Article 96: Competent authority to draw up civil status records for a foreign national**

Any foreign national having his/her domicile or residence in Rwanda may have his/her civil status record drawn up by a Rwandan civil registrar, pursuant to provisions of this Law.

**Article 97: Issuance of copy of marriage record of foreign nationals**

When the marriage is celebrated in Rwanda and one or both spouses are foreign nationals, the civil registrar must, in thirty (30) days following the celebration of the marriage, transmit the copy of marriage record to the Minister in charge of foreign affairs who in turn transmits it to the diplomatic or consular representation of the country of origin of the spouse of foreign nationality in Rwanda.

**Article 95: Annulation et rectification de l'acte de notoriété**

Toute personne intéressée ou tout organe compétent peut demander à la juridiction compétente du lieu de l'établissement de l'acte de notoriété de l'annuler ou d'ordonner sa rectification.

**Sous-section 6 : Actes de l'état civil pour les étrangers et ceux établis à l'étranger**

**Article 96: Autorité compétente pour dresser un acte de l'état civil d'un étranger**

Tout étranger domicilié ou résidant au Rwanda peut faire dresser l'acte de l'état civil le concernant auprès de l'officier de l'état civil rwandais conformément à la présente loi.

**Article 97: Délivrance d'une copie de l'acte de mariage des étrangers**

Lorsque le mariage est célébré au Rwanda et que l'un ou les deux époux sont étrangers, l'officier de l'état civil doit, dans les trente (30) jours suivant la célébration du mariage, adresser au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions, une copie de l'acte de mariage destinée à la représentation diplomatique ou consulaire au Rwanda du pays d'origine de l'époux étranger.

**Ingingo ya 98: Agaciro k'inyandiko y'irangamimerere yakorewe mu mahanga**

Buri nyandiko y'irangamimerere y'umunyarwanda cyangwa y'umunyamahanga yakorewe mu mahanga hakurikijwe imiterere ikoresha muri icyo gihugu igira agaciro mu Rwanda, keretse iyo hari izindi nyandiko cyangwa andi makuru aturitse mu mahanga cyangwa ibindi bimenyetso bivuye ku nyandiko ubwayo bigaragaza ko iyo nyandiko itubahirije amategeko, ari impimbano cyangwa ibirimo bidahuje n'ukuri.

Iyo hariho gushidikanya, inyandiko isuzumwa n'urukiko hakurikijwe uburyo bukoreshwa mu gusuzuma inyandiko zakorewe mu mahanga.

**Ingingo ya 99: Aho inyandiko y'irangamimerere yakorewe mu mahanga yandukurirwa**

Bisabwe na nyir'ubwite, inyandiko y'irangamimerere yakorewe mu mahanga yerekeye Umunyarwanda yandukurirwa mu gitabo cy'irangamimerere cy'aho aba iyo ntaho yari atuye hazwi.

Umunyamahanga wifuzaga kwandukira inyandiko y'irangamimerere ye ashobora kubikorera mu biro by'umwanditsi w'irangamimerere w'aho aba.

**Article 98: Validity of a civil status record drawn up abroad**

Any civil status record of a Rwandan or a foreign national drawn up in a foreign country and drafted in the forms followed in that country is authoritative in Rwanda except in the case where other documents or data held from abroad or elements drawn from the record itself establish that the record is irregular, falsified or that the facts declared in it do not correspond to reality.

In case of doubt, the record is considered by the court by way of exequatur procedure.

**Article 99: Place of registration of civil status record drawn up abroad**

Upon request by the concerned person, a civil status record drawn up abroad concerning a Rwandan national is entered in the civil status register of the place of his/her residence in case his/her domicile is unknown.

A foreign national wishing to register his/her civil status record may do so in the civil registrar's office of the place of his/her residence.

**Article 98: Validité d'un acte de l'état civil établi à l'étranger**

Tout acte de l'état civil d'un Rwandais ou d'un étranger établi dans un pays étranger et rédigé dans les formes usitées dans ce pays fait foi au Rwanda, sauf si d'autres pièces ou données détenues de l'étranger ou des éléments tirés de l'acte lui-même établissent que cet acte est irrégulier, falsifié ou que les faits qui y sont déclarés ne correspondent pas à la réalité.

En cas de doute, l'acte est examiné par la juridiction sous forme d'exequatur.

**Article 99: Lieu d'enregistrement d'un acte de l'état civil établi à l'étranger**

A la demande de l'intéressé, l'acte établi à l'étranger concernant un Rwandais est enregistré sur le registre de l'état civil de sa résidence au cas où son domicile est inconnu.

Un étranger désireux de faire enregistrer son acte de l'état civil peut le faire au bureau de l'officier de l'état civil de sa résidence.

**Icyiciro ka 3:** Amategeko yihariye agenga iyandikwa ry'abavuka n'iry'abapfuye

**Akicro ka mbere:** Inyandiko z'ivuka

**Ingingo ya 100:** Iyandikisha ry'ivuka ry'umwana

Umwana wese agomba kwandikishwa mu minsi mironko itatu (30) kuva avutse.

Iyandikisha ry'ivuka rikorwa na se cyangwa na nyina w'umwana. Iyo bombi batabonetse, rikorwa n'uwo bahaye uburenganzira cyangwa undi ufite ububasha bwa kibyezi ku mwana.

Iyo abantu bavugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo batabonetse, iyandikisha ry'umwana rikorwa n'undi muntu wese wari uhari umwana avuka cyangwa uwo bafitanye isano ya hafi.

Uwandikisha umwana yitwaza icyemezo cya muganga w'ikigo cy'ubuzima umwana yavukiyemo. Iyo umwana atavukiye kwa muganga, umwandikisha yitwaza icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha bw'aho umwana yavukiye kigaragaza amazina y'ababyeyi n'itariki umwana yavukiyeho kandi akitwaza abatangabuhamyababiri (2) bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18).

Umuyobozi wa gereza agomba kwandikisha ku mwanditsi w'irangamimerere w'ahantu gereza ayobora iherereye abana bavukiye muri gereza

**Section 3:** Particular rules governing declaration of births and deaths

**Subsection One:** Birth records

**Article 100:** Declaration of child's birth

Every child must be declared within thirty (30) days after birth.

The declaration of birth is made by the child's father or mother or, in case of impossibility, by a person to whom they have granted authorization or any person exercising parental authority over the child.

In the absence of the persons referred to in Paragraph 2 of this Article, the declaration is made by any other person present at the child's birth or a close relative.

The declaration of birth is made upon presentation of a medical birth certificate issued by the health facility where the child was born. In case the child was not born in a health facility, the declaration is made upon presentation of a birth certificate issued by a competent authority of the place of birth of the child indicating the names of the child's parents and date of birth and in the presence of two (2) witnesses aged at least eighteen (18) years.

The director of a prison must register the birth of the child born in the prison of which he/she is director with the civil registrar of the place of

**Section 3:** Règles particulières régissant la déclaration des naissances et des décès

**Sous-section première:** Actes de naissance

**Article 100:** Déclaration de naissance d'un enfant

Toute naissance d'un enfant doit être déclarée dans les trente (30) jours de l'accouchement.

La déclaration de la naissance est faite par le père ou la mère ou à défaut, par la personne à qui ils ont donné l'autorisation ou par la personne exerçant l'autorité parentale sur lui.

En cas d'absence des personnes visées à l'alinéa 2 du présent article, la déclaration est faite par toute personne ayant assisté à la naissance ou par l'un des plus proches parents.

La déclaration de naissance se fait sur présentation du certificat de naissance délivré par le médecin de l'établissement où l'enfant est né. Au cas où l'enfant n'est pas né dans un établissement de santé, la déclaration se fait sur présentation d'un certificat de naissance délivré par l'autorité compétente du lieu de naissance de l'enfant indiquant les noms de ses parents et sa date de naissance et en présence de deux (2) témoins âgés d'au moins dix-huit (18) ans.

Le directeur d'un établissement pénitentiaire doit déclarer à l'officier de l'état civil du lieu de l'établissement pénitentiaire, les naissances



ayobora abihereye uburenganzira n'umubyeyi w'umwana.

location of the prison, with the permission of the child's parent.

survenues dans l'établissement pénitentiaire dont il est responsable, sur autorisation du parent de l'enfant.

**Ingingo ya 101: Iyandikwa ry'abana bavukiye mu bigo by'ubuzima**

**Article 101: Declaration of births occurring in health facilities**

**Article 101: Déclaration des naissances survenues dans les établissements de santé**

Mu bigo by'ubuzima bya Leta n'ibiyigenga habaho igitabo cyihariye cyandikwamo abana babivukiyemo hakurikijwe uko amatariki akurikirana.

Private and public health facilities keep a special register used to record births occurring therein in order of the dates of birth.

Il est tenu dans les établissements de santé publics et privés, un registre spécial dans lequel sont inscrites, par ordre chronologique de date de naissance, les naissances qui y surviennent.

Umwanditsi w'irangamimerere w'aho ikigo kiri, abayobozi b'inzego za Leta zibifitemo inyungu cyangwa ab'inkiko bashobora guhamagaza icyo gitabo igihe bibaye ngombwa.

The civil registrar of the place of location of the health facility, interested administrative or judicial authorities, may demand that such a register be submitted to them whenever considered necessary.

L'officier de l'état civil du lieu de l'établissement, les autorités publiques ou judiciaires intéressées peuvent, en cas de besoin, se faire remettre ce registre.

**Ingingo ya 102: Iyandikisha ry'ivuka ry'umwana ababyeyi be batazwi**

**Article 102: Declaration of birth of a child born to unknown parents**

**Article 102: Enregistrement de naissance pour un enfant dont les parents sont inconnus**

Umuntu wese utoraguye uruhinja rukivuka se na nyina batazwi ategetswe kumenyesha ivuka mu minsi mirongo itatu (30) ku mwanditsi w'irangamimerere w'aho umwana yatoraguwe agakora inyandiko y'agateganyo y'ivuka.

Any person who finds an abandoned new-born child whose father and mother are unknown, is bound to register its birth within thirty (30) days with the civil registrar of the place where the child was found, who issues a provisional birth record.

Quiconque recueille un nouveau-né dont le père et la mère sont inconnus est tenu de déclarer la naissance dans les trente (30) jours à l'officier de l'état civil qui en dresse un acte provisoire de naissance.

Invugo cyangwa inyandiko imenyeshya izina ry'umwana, igitsina, ahantu n'umunsi bakeka ko yavukiyeho. Uwamenyesheje agomba gusobanura cyangwa gukora inyandiko igaragaza uko yasanze uwo mwana. Iyo bitazwi, umwanditsi w'irangamimerere akena ahantu n'umunsi w'ivuka ashingiye kuri raporo ya muganga cyangwa akurikije ibivuye ku kuntu basanze umwana ameze.

The declaration or record indicates the new-born child's name and gender as well as the presumed place and date of birth. The registrant must explain or attach to the declaration, a note on the facts and circumstances in which the child was found. If they are unknown, the civil registrar determines the place and date of birth basing on a medical report or according to the child's condition.

La déclaration ou l'acte mentionne le nom de l'enfant, le sexe, le lieu et la date présumés de la naissance. L'auteur de la déclaration doit expliquer ou joindre à celle-ci une note faisant état des faits et des circonstances dans lesquels l'enfant a été trouvé. Lorsque ces circonstances sont inconnues, l'officier de l'état civil fixe le lieu et la date de la naissance sur la foi d'un rapport médical ou suivant l'état de l'enfant.

Iyo inyangiko y'ivuka y'uwo mwana ibonetse cyangwa se urukiko rukemeza amavuko ye, inyangiko y'agateganyo yari yakozwe ivanwaho bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 103: Iyangikisha ry'umwana wavutse ku babyeyi batashyiranywe**

Iyo ababyeyi b'umwana batashyiranywe, imvugo imenyeshya izina rya se cyangwa nyina w'umwana mu biro by'umwanditsi w'irangamimerere ntivuga ko uvuzwe ko ari we se cyangwa nyina w'umwana amwemeye keretse iturutse kuri se cyangwa nyina ubwe.

Umubyeyi wavuzwe ko ari se cyangwa nyina w'umwana abimenyeshya n'umwanditsi w'irangamimerere mbere y'uko uwo mubyeyi yangikwa, igihe adahari mu gihe cy'iyandikwa. Iyo umubyeyi ubimenyeshye abiyemeye, ahita yangikwa.

Iyo havutse impaka zishingiye ku kumenyekana k'umwe mu babyeyi b'umwana, hitabazwa urukiko rubifiteye ububasha.

**Ingingo ya 104: Imenyeshya ry'umwana wavutse apfuye cyangwa wafuye akimara kuvuka**

Umwana uvutse apfuye cyangwa wafuye akimara kuvuka ntatangarizwa umwanditsi w'irangamimerere.

If the child's birth record is found or if the child's birth is declared by a court, the provisional birth record which was issued is annulled upon request by any interested person.

**Article 103: Declaration of birth of a child born out of wedlock**

In case the child's parents were not legally married, the declaration of birth of the child with the civil registrar's office by indicating names of the child's father or mother shall not in any way be construed as the acknowledgement of the child unless it is declared by the father himself or the mother herself.

When the presumed father or mother of the child is not present at the time of registering the child, the civil registrar informs the presumed parent before the child is registered under his/her name. When the informed parent accepts, the child is immediately registered under his/her name.

In case of dispute relating to the acknowledgment of the child by either parent, the matter is referred to the competent court.

**Article 104: Declaration of birth of a stillborn or that of a child dies immediately after birth**

A stillborn child or a child who dies immediately after birth shall not be declared before the civil registrar.

Si l'acte de naissance de l'enfant vient à être retrouvé ou si sa naissance est judiciairement déclarée, l'acte provisoire de naissance déjà établi est annulé à la requête de toute personne intéressée.

**Article 103: Enregistrement de naissance d'un enfant né hors mariage**

Lorsque les parents de l'enfant ne sont pas mariés, la déclaration au bureau de l'officier de l'état civil du nom du père ou de la mère ne vaut comme reconnaissance que si elle émane du père lui-même ou de la mère elle-même.

Lorsque le prétendu père ou la prétendue mère ne sont pas présents lors de l'enregistrement de l'enfant, l'officier de l'état civil doit, avant l'enregistrement du parent, en informer le prétendu père ou la prétendue mère. Lorsque le parent informé accepte, il est immédiatement enregistré.

En cas de litige relatif à la reconnaissance de l'enfant par l'un des parents, l'affaire est renvoyée à la juridiction compétente.

**Article 104: Déclaration d'un enfant mort-né ou décédé immédiatement après sa naissance**

L'enfant mort-né ou décédé immédiatement après sa naissance n'est pas déclaré à l'officier de l'état civil.

Umwana wavutse ariko ivuka ntirimenyeshwe umwanditsi w'irangamimerere kubera uburangare cyangwa izindi mpamvu, hanyuma agapfa, ivuka rye rigomba kwandikwa mu gitabo cy'abavutse, kandi rikanandikwa mu gitabo cy'abapfuye.

**Ingingo ya 105: Itangwa rya kopi y'inwandiko y'ivuka**

Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhabwa kopi y'inwandiko y'ivuka rye cyangwa inwandiko igaragaza ingingo z'ingenzi zayo. Uretse abo nyir'ubwite akomokaho, abamukomokaho bo mu rwego rutaziguye, uwo bashyingiranywe, umurera cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko, nta wundi muntu ushobora guhabwa iyo kopi bidaturutse ku ruhushya rutangwa na nyirayo.

Mu gihe umwanditsi w'irangamimerere yanze gutanga iyo kopi, uwo bayimye ashyikiriza ikibazo cye ukuriye umwanditsi w'irangamimerere. Iyo atishimiye igisubizo amuhaye, ikibazo cye agishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha rukakiburanisha mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

Umuntu wese wifuzaga kubona inwandiko y'ivuka ariko akaba atarandikishije ivuka ry'umwana mu gihe giteganywa n'iri tegeko, acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi igenwa n'Iteka rya Perezida.

Icyakora, iyo umwana usaba inwandiko y'ivuka adafite ababyeyi, ahabwa iyo nyandiko adaciwe ihazabu.

In case a child is not declared before the civil registrar due to negligence or other grounds and later on dies before declaration of his/her birth before the civil registrar, his/her birth is registered in the record of births, and at the same time in the register of death records.

**Article 105: Issuance of a copy of birth record**

Everyone has the right to be given a copy or extract of his/her birth record. Except ascendants and descendants of a person on the direct lineage, his/her spouse, his/her guardian or his/her legal representative, no one else can be issued with such a copy unless they are given power of attorney.

In case the civil registrar refuses to issue such a copy, a person who is denied the copy may refer the matter to the immediate supervisor of the civil registrar. In case of unsatisfactory response, he/she petitions the competent court which decides the case under summary procedure.

Any person wishing to receive a birth record but not having declared the child's birth within the period provided for by this Law is liable to an administrative fine determined by a Presidential Order.

However, in case the child requesting a birth record has no parents, he/she receives the record without paying the fine.

Si un enfant, par négligence ou tout autre motif, n'a pas été déclaré devant l'officier de l'état civil et décède longtemps après naissance, sa déclaration doit être régularisée au registre des actes de naissances et doit être inscrite sur le registre des actes de décès.

**Article 105: Délivrance d'une copie de l'acte de naissance**

Toute personne a le droit d'obtenir une copie de son acte de naissance ou extrait de cet acte. A l'exception des ascendants et des descendants en ligne directe de l'intéressé, de son époux, de son tuteur ou de son représentant légal, aucune autre personne ne peut obtenir cette copie si ce n'est en vertu d'une procuration.

